ISHUSHO Y'IMPUHWE Z'IMANA
« MISERICORDIAE VULTUS».

URWANDIKO RWA NYIRUBUTUNGANE PAPA FRANSISKO RWEREKEYE YUBILE IDASANZWE Y'IMPUHWE Z'IMANA

PAPA FRANSISKO
UMWEPISKOPI WA ROMA
UMUGARAGU W'ABAGARAGU B'IMANA
ABAZASOMA URU RWANDIKO MWESE MBIFURIJE
INEMA, IMPUHWE N'AMAHORO BIKOMOKA KU MANA

1. Yezu Kristu ni we ishusho y'impuhwe z'Imana Data. Iyobera ry'ukwemera kwa gikristu uko kwakabaye ni aho rishingiye. Uko kwemera kwabayeho kandi kunigaragariza muri Yezu w'i Nazareti, ari na We wakugejeje ku ndunduro. Imana Data « Nyirimpuhwe zihebuje » (Ef 2,4), imaze guhishurira Musa izina ryayo ko ari « Uhoraho, Imana igira impuhwe n'ineza, itinda kurakara, yuje ubuntu n'ubudahemuka » (Iyim 34, 6), ntiyahwemye kumenyekanisha kameremana yayo ku buryo butandukanye no mu bihe byinshi. Ariko « igihe cyagenwe kigeze », igihe byose bitunganyijwe hakurikijwe umugambi wayo wo gukiza abantu, yohereje Umwana wayo abyarwa na Bikira Mariya kugira ngo atumenyeshe byuzuye urukundo rw'Imana. Uwamubonye aba yabonye Imana Data (reba Yh 14, 9). Ku bw'ijambo rye, ibikorwa bye na kamere-muntu ye yose,[1] Yezu w'i Nazareti agaragaza impuhwe z'Imana.

2. Dukeneye iteka kurangamira iyobera ry'impuhwe. Ni isoko y'ibyishimo, y'umutuzo n'amahoro. Ni ryo shingiro ry'ugucungurwa kwacu. Impuhwe ni ijambo rimenyekanisha iyobera ry'Ubutatu Butagatifu. Impuhwe ni igikorwa cy'indunduro kandi guhebuje Imana inyuramo idusanga. Impuhwe ni ukwemera shingiro kuri mu mutima wa buri muntu, igihe yitaye nta buryarya ku muvandimwe we bahuriye mu rugendo rw'ubuzima. Impuhwe ni inzira ihuza Imana n'umuntu, kugira ngo ikingurire umutima we amizero y'uko akunzwe ubuziraherezo, kabone n'ubwo hakiriho inzitizi ziterwa n'ibyaha byacu.

3. Hababo ubwo duhamagarirwa ku buryo bwihutirwa kurangamira impuhwe, kugira ngo natwe duhinduke ikimenyetso nyakuri cy'imikorere y'Imana Data. Ni yo mpamvu nashatse ko hababo iyi *Yubile idasanzwe y'Impuhwe*, mbese nk'igihe gikwiye cya Kiliziya, kugira ngo ubuhamya butangwa n'abemera bugire imbaraga kandi bube ingirakamaro.

Umwaka Mutagatifu uzatangizwa ku itariki ya 8 Ukuboza 2015, ku munsi mukuru w'Ubutasamanywe icyaha bwa Bikira Mariya. Uwo munsi mukuru wa liturujiya werekana ukuntu Imana ikora kuva mu ntangiriro y'amateka yacu.

[1] Cf. Conc. oecum. Vat. II, Const. dogm. **Dei Verbum**, n. 4.

Adamu na Eva bamaze gucumura, Imana ntiyashatse ko abantu baba mu bwigunge kandi bigabijwe n'ikibi. Ni yo mpamvu Mariya yatekerejwe mbere y'igihe mu rukundo kandi agirwa intungane n'utasamanywe icyaha (reba Ef 1, 4), kugira ngo abe Nyina w'Umucunguzi wa muntu. Mu guhashya imbaraga z'ububi bw'icyaha, Imana ikoresha ubusendere bw'imbabazi zayo. Impuhwe zizahora zisumba kure icyaha, kandi nta gishobora kubera inzitizi urukundo rw'Imana Nyirimbabazi. Kuri uwo munsi mukuru w'Ubutasamanywe icyaha bwa Bikira Mariya, nzashimishwa no gukingura Umuryango Mutagatifu. Bityo uzabe *Umuryango w'Impuhwe*, aho buri muntu wese uzashobora kuhinjira azajya yakira urukundo rw'Imana ruhumuriza, rubabarira kandi rutanga amizero.

Ku cyumweru gikurikiraho, ari cyo cyumweru cya gatatu cy'Adiventi, Umuryango Mutagatifu uzakingurwa muri Kiliziya nkuru ya Roma na Bazilika ya Mutagatifu Yohani y'i Laterano. Hanyuma hazakingurwa Imiryango Mitagatifu mu zindi Bazilika za Papa. Kuri icyo cyumweru kandi, ndashaka ko muri buri Kiliziya ya Diyosezi, muri Kiliziya nkuru ya Diyosezi ari yo Mubyeyi w'abakristu bose, muri Kiliziya yo muri urwo rwego cyangwa muri Kiliziya ifite umwihariko wayo, na ho hazakingurwa *Umuryango w'Impuhwe* mu gihe cyose cy'Umwaka Mutagatifu. Igihe Umushumba wa Diyosezi asanze ari ngombwa, Umuryango w'Impuhwe uzakingurwa no mu Ngoro ntagatifu z'ahabera ingendo nyobokamana nyinshi, ahantu hari abantu barangwa n'umutima wacengewe n'ingabire kugira ngo babone inzira yo kwisubiraho. Bityo rero, buri Kiliziya ya Diyosezi ihamagariwe mu buryo butaziguye guhimbaza uwo Mwaka Mutagatifu, nk'igihe kidasanzwe cy'ingabire n'ivugururwa nyobokamana. Iyi Yubile izahimbarizwa i Roma, kimwe no muri Kiliziya za Diyosezi, nk'ikimenyetso kigaragara cy'ubumwe bwa Kiliziya.

4. Nahisemo itariki ya 8 Ukuboza, kubera agaciro uwo munsi mukuru ufite mu mateka ya vuba ya Kiliziya . Bityo rero, nzakingura Imiryango Mitagatifu kubera isabukuru ya mirongo itanu y'umwanzuro w'Inama Nkuru ya Vatikani ya II. Kiliziya iriyumvamo icyifuzo cyo gukomera kuri icyo gikorwa. Kuri Kiliziya ni nk'intangiriro y'igihe gishya cy'amateka yayo. Abari bagize Inama Nkuru ya Kiliziya bayobowe na Roho Mutagatifu, biyumvisemo igitekerezo gikomeye cy'uko ari ngombwa kubwira abantu bo mu gihe cyabo iby'Imana ku buryo bwumvikana. Inkuta zari zimaze igihe kirekire zifungiranye Kiliziya zimeze nk'umutamenwa zimaze gusenyuka, igihe cyo kwamamaza Ivanjili ku buryo buvuguruye cyari kigeze. Ni igihe gishya cy'Iyogezabutumwa rihoraho. Ni igihe cy'inshingano nshya ku bakristu bose, yo guhamya mu byishimo n'amizero

ukwemera kwabo. Kiliziya yumvise uruhare rwayo mu isi nk'ikimenyetso kizima cy'urukundo rw'Imana Data.

Amagambo akungahaye ku bitekerezo byiza Mutagatifu Yohani wa XXIII yavuze igihe yatangizaga Inama nkuru ya Kiliziya, kugira ngo yerekane urugendo dufite, mpora nyibuka : « Muri iki gihe, Umugeni wa Kristu, ari we Kiliziya, ahitamo kwirukira umuti w'impuhwe aho gukangisha intwaro z'ibihano … Kiliziya Gatolika, mu gushyira ejuru urumuri rw'ukuri nyobokamana, ishaka kwiyerekana nk'umubyeyi ukunda cyane abantu bose, ugwa neza, wihangana, usendereye imbabazi n'ubuntu, igirira abana bayo batandukanye. »[2] Ni muri icyo cyerekezo, igihe cyo gusoza Inama nkuru ya Kiliziya, umuhire Pawulo wa VI yavuze ati « Turashaka ahubwo kugaragaza ko ihame ry'Inama nkuru yacu ryabaye mbere na mbere urukundo … Inkuru ya kera y'Umunyasamariya mwiza yabaye urugero n'ihame nyobokamana ry'Inama nkuru … Ikibatsi cy'urukundo n'ibyishimo cyasabye Inama nkuru gisendera ku bantu bo muri iki gihe. Amakosa yajyaga akorwa yashyizwe ahagaragara. Ni byo koko, kuko ari cyo cyifuzo cy'urukundo kimwe n'icy'ukuri, ariko ku bantu ni umuhamagaro, icyubahiro n'urukundo. Aho gushakisha ibimenyetso bica intege, hashakwe imyanzuro ishishikaza ; aho gutangaza inkuru zibabaje, hatanzwe ubutumwa bw'amizero bwavuye mu Nama nkuru bugera ku bantu b'ibihe turimo : indangagaciro zabo ntizubashywe gusa, ahubwo zaranashimwe ; ibikorwa byabo byo kwiteza imbere birashyigikirwa, ibyifuzo byabo biranozwa kandi birashimwa … kandi ubwo bukungu bw'inyigisho bwose bukaba bugamije ikintu kimwe : gukorera umuntu. Birumvikana ko ari umuntu wese uko yakabaye, mu mibereho arimo, mu ngorane ze no mu byo akeneye. »[3]

Tuyobowe n'umutimanama wuzuye ibyishimo kandi ushimira kubera ibyo Kiliziya yahawe byose, kandi tuzirikana ubutumwa bwayo ari na bwo bwacu, tuzinjira mu Muryango Mutagatifu twizeye ko duherekejwe n'imbaraga za Nyagasani wazutse, ukomeza gushyigikira urugendo nyobokamana rwacu. Roho Mutagatifu uyobora intambwe z'abemera kugira ngo bagire uruhare ku gikorwa cy'icungurwa ry'abantu ryazanywe na Kristu, nayobore kandi akomeze Umuryango w'Imana, kugira ngo awufashe kurangamira Ushusho y'impuhwe z'Imana.[4]

5. Uyu Mwaka wa Yubile uzasozwa ku itariki ya 20 Ugushyingo 2016, ku munsi mukuru wa Nyagasani Yezu Kristu, Umwami w'ibiremwa byose. Mu gukinga

[2] Jean XXIII, **Discours d'ouverture du Concile oecuménique Vatican II Gaudet Mater Ecclesia, 11 octobre 1962**, nn. 2-3.
[3] Paul VI, **Discours de clôture du Concile oecuménique Vatican II, 7 décembre 1965**.
[4] Cf. Conc. oecum. Vat. II, Const. dogm. **Lumen gentium**, n. 16 ; Const. past. **Gaudium et spes**, n. 15.

Umuryango Mutagatifu kuri uwo munsi, tuzaba turangwa n'umutima wuje ibyishimo kandi wakereye gushimira Ubutatu Butagatifu, buzaba bwaduhaye kurangiza icyo gihe kidasanzwe cy'ingabire. Tuzegurira Ubugenga bwa Kristu ubuzima bwa Kiliziya, abantu bose n'ibiremwa byose, kugira ngo asakaze impuhwe ze nk'ikime cya mu gitondo, kugira ngo turangwe n'amateka avuguruye agamije kubaka ejo hacu hazaza, tubikesha inshingano ya buri wese muri twe. Mbega ukuntu nifuza ko, mu myaka iri imbere, abantu barangwa n'impuhwe kugira ngo basange buri wese bamugezaho ubuntu n'impuhwe by'Imana ! Ndifuza ko mwebwe mwese, abemera cyangwa abatarakira ukwemera, mushobora guhinduka impumuro y'impuhwe nk'ikimenyetso cy'Ingoma y'Imana yageze hagati yacu.

6. « Impuhwe ni imiterere ubwayo y'Imana, Yo yonyine igaragariza ubushoborabyose bwayo mu kugira impuhwe. »[5] Ayo magambo ya Mutagatifu Tomasi w'Akwini agaragaza ko impuhwe atari ikimenyetso cy'intege nke, ahubwo ari ikimenyetso cy'ubushoborabyose bw'Imana. Ni yo mpamvu muri rimwe mu masengesho ya kera y'ikoraniro dusenga tuti « Nyagasani Mana yacu, wowe werekana ububasha bwawe utwiyumanganya kandi utubabarira … »[6]. Imana izaba iteka mu mateka y'abantu nk'Uwo babona, uri hafi yabo, ugena byose mbere y'igihe, Intungane n'Umunyampuhwe.

Imana "yiyumanganya kandi ikagira impuhwe", iyo ni imvugo igaruka kenshi mu Isezerano rya kera igamije kugaragaza kamere yayo. Impuhwe zayo zigaragariza neza mu bikorwa byinshi by'amateka y'umukiro, aho ubugwaneza bwayo busumba igihano cyangwa ukurimbura. Hari Zaburi zigaragaza ku buryo bwihariye iyo mikorere itangaje y'Imana : « We ubabarira ibicumuro byawe byose, akakuvura indwara zose ; we warura ubugingo bwawe mu mva, akagutamiriza ubutoneshwe n'impuhwe. » (Zab 103 [102], 3-4). Mu buryo kandi busobanutse, hari indi Zaburi itanga ibimenyetso nyakuri by'impuhwe : « Arenganura abapfa akarengane, abashonji akababaha umugati. Uhoraho abohora imfungwa, Uhoraho ahumura amaso y'impumyi, Uhoraho agorora ingingo z'ababinamiranye, Uhoraho akunda ab'intungane. Uhoraho arengera abavamahanga, agashyigikira impfubyi n'umupfakazi, ariko akayobagiza inzira z'ababi » (146 [145], 7-9). Dore kandi andi magambo y'umuririmbyi wa Zaburi : « [Uhoraho] ni we ukiza abafite intimba ku mutima, maze akomora ibikomere byabo ... Uhoraho ashyigikira ab'intamenyekana, naho abagome akabacisha bugufi » (147 [146], 3.6). Mu magambo make, impuhwe z'Imana si igitekerezo kidasobanutse, ahubwo ni ukuri nyako Imana igaragarizamo urukundo rwayo,

[5] Saint Thomas d'Aquin, Summa Theologiae, II-II, q. 30, a. 4.

[6] Prière d'ouverture du XXVIème dimanche du Temps ordinaire. Cette prière apparaît dès le VIIIème siècle dans les textes eucologiques du Sacramentaire Gélasien 1198.

urukundo nk'urw'ababyeyi bagirira igishyika gikomeye abana babo. Birakwiye kuvuga ko ari urukundo « magara ». Urukundo ruza mu mutima nk'icyiyumviro gikomeye, igitekerezo kamere, kirangwa n'urukundo, urugwiro, imbabazi n'impuhwe.

7. « Urukundo rwe ruhoraho iteka » : ni inyikirizo igaruka kuri buri murongo wa Zaburi 136 (135), mu nkuru ivuga amateka y'ibyahishuwe n'Imana. Mu bijyanye n'impuhwe, ibikorwa byose byo mu Isezerano rya kera bikungahaye ku gaciro gakomeye k'umukiro. Impuhwe zikomoka ku mateka y'Imana na Israheli, ari yo mateka y'umukiro. Gusubiramo ubutaretsa ngo « Urukundo rwe ruhoraho iteka » nk'uko Zaburi ibikora, ni nko gusenya urubuga rw'ahantu n'urw'igihe, kugira ngo byose byandikwe mu iyobera rihoraho ry'urukundo. Ni nko kuvuga ko atari mu mateka gusa, ahubwo ari ubuziraherezo, umuntu azahora arengerwa n'impuhwe z'Imana Data. Nta bwo rero ari ibyagwiririye umuryango wa Israheli kuba barashatse gushyira muri Bibiliya iyo Zaburi, *''Igisingizo gikuru''* nk'uko bayita, mu minsi mikuru ikomeye ya liturijiya.

Mbere y'Ibabara rye, Yezu yasenze yifashishije iyo Zaburi y'impuhwe. Ni byo umwanditsi w'Ivanjili Matayo ahamya igihe avuga ngo « bamaze kuririmba zaburi » (26, 30), Yezu n'abigishwa be basohoka bagana ku Musozi w'Imizeti. Igihe aremye Ukaristiya, urwibutso ruhoraho rwa Pasika ye, yashyizeho urwibutso rw'icyo gikorwa gihebuje cy'Ibyahishuwe n'Imana mu rumuri rw'impuhwe. Muri icyo cyerekezo cy'impuhwe, Yezu yazirikanaga ububabare bwe n'urupfu rwe, yemera iyobera rikomeye ry'urukundo ryuzurijwe ku musaraba. Kumenya ko Yezu ubwe yasenze yifashishije iyo Zaburi biyiha na none kuba ingirakamaro kuri twebwe abakristu, kandi duhamagarirwa kuyigira inyikirizo y'isengesho ry'igisingizo ryacu rya buri munsi : « Urukundo rwe ruhoraho iteka ».

8. Mu kurangamira Yezu n'uruhanga rwe rurangwa n'impuhwe, dushobora kwakira urukundo rw'Ubutatu Butagatifu. Ubutumwa Yezu yahawe na Se ni ubwo guhishura iyobera ry'urukundo rw'Imana mu buryo bwuzuye. Yohani, umwanditsi w'Ivanjili, ahamya ku nshuro ya mbere kandi rukumbi mu Byanditswe bitagatifu byose ati « Imana ni urukundo » (1 Yh 4, 8.16). Urwo rukundo kuva ubwo rwarigaragaje kandi mu buryo bufatika, mu buzima bwose bwa Yezu. Kamere ye nta yindi itari urukundo kandi rwitanga ku buntu. Umushyikirano agirana n'abantu bamwegera, urangwa n'ikintu kimwe rukumbi kandi cy'umwihariko. Ibimenyetso akora, cyane cyane agirira abanyabyaha, abakene, abatagira kivurira, abarwayi n'abababaye birangwa n'impuhwe. Muri We byose biragaraza impuhwe. Nta na kimwe muri We kitarangwa n'impuhwe.

Yezu abonye imbaga y'abantu yari imukurikiye, barushye kandi bameze nk'intama zatannye nk'izitagira umushumba, abagirira impuhwe (reba Mt 9, 36). Ku bw'urwo rukundo rurangwa n'impuhwe, yakijije abarwayi bamuzaniye (reba Mt 14, 14), kandi agaburira imbaga y'abantu imigati mike n'amafi bararya barahaga (reba Mt 15, 37). Icyayoboraga Yezu mu bihe byose nta kindi kitari impuhwe, zatumaga abona ibyifuzo bikomeye byari mu mitima y'abamwuvaga, maze akabiha igisubizo. Igihe ahuye n'umupfakazi w'i Nayini wari ugiye guhamba umuhungu we w'ikinege, yagize impuhwe nyinshi kubera uwo mubyeyi wariraga kandi ababaye bikabije, azura uwo muhungu amusubiza nyina (reba Lk 7, 15). Yezu amaze gukiza umuntu wahanzweho w'i Gerasa, yamuhaye ubu butumwa ati « Taha usange bene wanyu ; ubatekerereze ibyo Nyagasani yakugiriye byose, n'ukuntu yakugiriye impuhwe » (Mk 5, 19). Itorwa rya Matayo na ryo ryari mu cyerekezo cy'impuhwe. Yezu yanyuze imbere y'ibiro by'imisoro, abona Matayo. Iyo ndoro yari ikungahaye ku mpuhwe zatumye ababarira ibicumuro by'uwo muntu, ntiyita ku myumvire y'abandi bigishwa bari batabyishimiye, maze aramutora we wari umunyabyaha n'umusoresha, kugira ngo abe umwe muri ba Cumi na babiri. Mutagatifu Bede, ubwo yasobanuraga iyo nkuru yo mu Ivanjili, yanditse ko Yezu yitegereje Matayo abigiranye urukundo rwuje impuhwe, maze aramutora : *miserando atque eligendo*.[7] Iryo jambo ryakomeje kunkomanga ku mutima ku buryo narigize intego yanjye.

9. Mu migani y'impuhwe Yezu ahishura kamere y'Imana, mbese nk'iy'Umubyeyi udashobora na rimwe kwemera gutsindwa kugeza ubwo akijije icyaha kandi agatsinda icyatuma abyangira, ku bw'imbabazi n'impuhwe. Iyo migani turayizi, by'umwihariko iyi uko ari itatu : umugani w'intama yazimiye, uw'igiceri cyatakaye, n'uw'umubyeyi n'abahungu be babiri (reba Lk 15, 1-32). Muri iyo migani, Imana igaragara nk'iyasabwe n'ibyishimo cyane cyane igihe itanga imbabazi. Dusangamo iremezo ry'Ivanjili n'ukwemera kwacu, kuko impuhwe zibonekamo nk'imbaraga ziganza icyo ari cyo cyose, zisendereza urukundo mu mutima kandi zitanga ihumure mu kubabarira.

Mu wundi mugani, duhabwa inyigisho zerekeye imibereho yacu mu bukristu. Mu gutangazwa n'ikibazo cya Petero wamubazaga inshuro umuntu agomba kubabarira uwamucumuyeho, Yezu yaramusubije ati « Sinkubwiye kugeza kuri karindwi, ahubwo kuri mirongo irindwi karindwi » (Mt 18, 22). Hanyuma abacira undi mugani w'"umugaragu utagira impuhwe". Shebuja yaramuhamagaje kugira ngo amwishyure umwenda amufitiye w'amafaranga menshi, uwo mugaragu ni ko gupfukama aramwinginga maze shebuja

[7] Cf. Hom. 21: CCL 122, 149-151.

amurekera umwenda we. Akiva aho ngaho ahura n'undi mugaragu mugenzi we wari umurimo umwenda w'udufaranga duke. Nuko mugenzi we amupfukama imbere, aramwinginga ngo amworohere, ariko undi aranga ahubwo amuroha mu nzu y'imbohe. Shebuja abyumvise biramurakaza cyane, atumiza uwo mugaragu aramubwira ati « Wowe se ntiwagombaga kugirira mugenzi wawe impuhwe nk'uko nazikugiriye !» (Mt 18, 33). Nuko arangiza agira ati « Nguko uko Data wo mu ijuru azabagirira, nimutababarira bagenzi banyu mubikuye ku mutima » (Mt 18, 35).

Umugani ni inyigisho ikomeye kuri buri wese muri twe. Yezu ahamya ko impuhwe atari imikorere y'Imana gusa, ahubwo ko zihinduka uburyo bwo kumenya abana bayo nyakuri. Mu magambo make, duhamagaririwe kubaho turangwa n'impuhwe, kubera ko natwe twazigiriwe. Kubabarira ibicumuro bihinduka imvugo nyayo iranga urukundo rwuje impuhwe, na ho kuri twebwe abakristu ni itegeko tutagomba guteshukaho. Akenshi kubabarira abandi biradukomerera ! Nyamara imbabazi ni uburyo twahawe kugira ngo budufashe kugera ku mahoro y'umutima. Kurwanya inzika, uburakari, urugomo n'ukwihorera, ni uburyo bwa ngombwa budufasha kubaho mu munezero. Bityo rero, twakire iki cyifuzo cya Pawulo intumwa ugira ati « Izuba ntirikarenge mugifite umujinya » (Ef 4, 26). Twumve cyane cyane iri jambo rya Yezu washyizeho impuhwe nk'indangagaciro y'ubuzima, zikaba kandi nk'amizero y'ukwemera kwacu : « Hahirwa abagira impuhwe, kuko bazazigirirwa » (Mt 5, 7). Ni ingingo nterahirwe igomba gukangura umuhamagaro wacu, by'umwihariko muri uyu Mwaka Mutagatifu.

Mbese nk'uko bigaragara, impuhwe muri Bibiliya ni ijambo ry'ingenzi ryerekana imikorere y'Imana igirira twebwe. Urukundo rwayo ntirwashimangiwe gusa, ahubwo rwagaragariye amaso kandi rugira ibikorwa bifatika. Ahandi kandi, urukundo ntirushobora na rimwe kuba ijambo ritumvikana. Ku bwa kamere yaryo ni ubuzima nyakuri : ni ibitekerezo, imyitwarire, imyifatire yigaragariza mu mikorere ya buri munsi. Impuhwe z'Imana ni inshingano zayo kuri twe. Imana yumva ko ari umurimo ishinzwe, ari byo kuvuga ko idushakira icyiza no kutubona tunezerewe, dusendereye ibyishimo n'amahoro. Urukundo rwuje impuhwe rw'abakristu na rwo rugomba kugendera muri uwo murongo. Mbese nk'uko Data akunda, ni ko n'abana be tugomba gukunda. Nk'uko Data ari Umunyampuhwe, natwe duhamagarirwa kugirira impuhwe bagenzi bacu.

10. Impuhwe ni inkingi ishyigikira ubuzima bwa Kiliziya. Mu murimo mbonezabutumwa wa Kiliziya, byose bigomba kujyana n'urukundo ari na rwo igomba kugaragariza abemera. Mu butumwa bwayo bwo kwamamaza Inkuru

Nziza n'ubuhamya iha abantu, byose bigomba kurangwa n'impuhwe. Ubwizerwe bwa Kiliziya bugomba kunyura mu rukundo rurangwa n'impuhwe n'imbabazi. Kiliziya « ihorana icyifuzo kidakama cyo kugira impuhwe ».[8] Birashoboka ko twaba twaribagiwe kwerekana no kuyoboka inzira y'impuhwe. Ku ruhande rumwe, igishuko cyo kubahiriza iteka ndetse gusa ubutabera, cyatumye twibagirwa ko nubwo ibyo ari nk'intambwe ya mbere ya ngombwa kandi y'ingenzi iba itewe, ariko ko Kiliziya igomba kurenga ibyo ngibyo kugira ngo igere ku ntego yisumbuyeho kandi y'ingirakamaro. Ku rundi ruhande, birababaje kubona ukuntu igikorwa cyo gutanga imbabazi kiba iteka ingume mu muco wacu. Rimwe na rimwe usanga n'iryo jambo risa n'aho ritakibaho. Niba rero nta mbabazi zikirangwa mu bantu, ubuzima bumeze nk'ubutaka bwagundutse kandi ntibutange imbuto, mbese ari nko kuba mu butayu. Bityo rero, igihe kirageze kugira ngo Kiliziya yamamaze mu byishimo umugenzo mwiza wo gutanga imbabazi. Ni igihe cyo kugaruka ku cy'ingenzi, kugira ngo twigerekeho intege nke n'ingorane byugarije abavandimwe bacu. Imbabazi ni imbaraga zivuka mu buzima buvuguruye, kandi zitanga ubutwari bwo kurebana icyizere ejo hazaza.

11. Ntidushobora kandi kwibagirwa inyigisho ikomeye, Mutagatifu Yohani-Pawulo wa II yaduhaye mu Rwandiko rwe rwa kabiri yise ‘’**Dives in misericordia**‘’, (Akungahaye ku mpuhwe) rwatangajwe muri icyo gihe mu buryo bitari byitezwe kandi rutangaza abantu cyane kubera ubutumwa bwari bururimo. Ndashaka rero kugaruka by'umwihariko ku ngingo ebyiri. Mbere na mbere Nyirubutungane Papa agaragaza ukuntu insanganyamatsiko yerekeye impuhwe yibagiranye mu muco w'iki gihe cyacu : « Imyumvire y'abantu bo muri iki gihe usanga isa n'irwanya Imana Nyirimpuhwe, kandi ikaba igambiriye kuvana mu mibereho ya muntu no mu mutima we igitekerezo cy'impuhwe. Kubera iterambere mu bumenyi n'ikoranabuhanga ritari ryakamenyekana, ijambo n'igitekerezo biganisha ku mpuhwe bisa n'ibigwa nabi umuntu, wabaye umugenga w'isi yigaruriye kandi ategeka (reba Intg 1, 28). Ubwo bugenga bw'isi, rimwe na rimwe bwumvikanye ku buryo bumwe kandi budafite ishingiro, usanga budaha umwanya ijambo impuhwe … Ni yo mpamvu muri ibi bihe bishya Kiliziya n'isi birimo, usanga abantu benshi ndetse n'ahantu henshi, bayobowe n'ukwemera gushyitse biyambaza ku bushake bwabo impuhwe z'Imana ».[9]

Ni yo mpamvu Mutagatifu Yohani-Pawulo wa II yagaragaje igikorwa cyihutirwa cyo kwamamaza Ivanjili no kuba intangamugabo y'impuhwe z'Imana muri iyi si

[8] Exhort. apost. **Evangelii gaudium**, n. 24.
[9] n. 2.

ya none : « Ibyo birihutirwa ku bw'urukundo rugirirwa muntu, rugirirwa icyitwa ikiremwamuntu cyose, kandi bishingiye no kuba hariho abantu benshi muri iki gihe bugarijwe n'amakuba menshi. Iyobera rya Kristu … ryatumye nibutsa mu Rwandiko rwanjye nise « ***Redemptor Hominis*** » (Umucunguzi w'abantu) agaciro karyo katagereranywa, ritumye na none ngaragaza impuhwe nk'urukundo rwuje impuhwe rw'Imana rwahishuwe muri iryo yobera. Byongeye kandi, rimpaye umwanya wo kuryifashisha mu gutangaza izi mpuhwe no kuryiyambaza, muri iki gihe gikomeye kandi cy'ingirakamaro mu mateka ya Kiliziya n'ay'isi ».[10] Inyigisho y'urwo Rwandiko izahora ari nshya kandi ikwiye no gusubirwamo muri uyu Mwaka Mutagatifu. Aya magambo y'urwo Rwandiko tuyakire mu buryo buvuguruye : « Kiliziya ibaho mu buryo buhuje n'ukuri igihe yigisha kandi igatangaza impuhwe, umurimo utangaje w'Umuremyi n'Umucunguzi, n'igihe iyobora abantu ku masoko y'Impuhwe z'Umukiza, ari zo yaragijwe kandi ibereye umugabuzi ».[11]

12. Kiliziya ifite ubutumwa bwo kwamamaza impuhwe z'Imana ari zo mutima w'Ivanjili, ubutumwa igomba kugeza ku mutima no mu bwenge by'abantu bose. Kiliziya, Umugeni wa Kristu, ikurikiza imyifatire y'Umwana w'Imana usanga abantu bose, nta n'umwe uhejwe. Muri iki gihe Kiliziya yitangiye Iyogezabutumwa rivuguruye, insanganyamatsiko y'impuhwe igomba guteguranwa umwete mushya kandi igashyirwa mu iyogezabutumwa rivuguruye. Ni ubutumwa bukomeye bwa Kiliziya n'ubwizerwe bw'inyigisho yayo, mu kubaho ubwayo irangwa n'impuhwe kandi ikanazibera intangamugabo. Imvugo yayo n'ibikorwa byayo bigomba kugaragaza impuhwe kugira ngo zicengere mu mitima y'abantu, kandi zibakangurire kubona inzira yo kugarukira Imana Data.

Ihame rya mbere Kiliziya yigisha ni urukundo rwa Kristu. Kiliziya yigira umuja n'umuvugizi w'urwo rukundo, rugera ku kubabarira no kwitanga ubwarwo. Ni yo mpamvu aho Kiliziya iri hose, impuhwe z'Imana Data zigomba kuhagaragara. Muri za paruwasi zacu, amakoraniro, amashyirahamwe n'imiryango, mbese mu magambo make aho abakristu bari hose, hagomba kubera buri wese ahantu aronkera impuhwe.

13. Turashaka kubaho muri uyu Mawaka wa Yubile tumurikiwe n'Ijambo rya Nyagasani : *Kuba abanyampuhwe nka Data*. Umwanditsi w'Ivanjili asubira mu nyigisho ya Kristu ugira ati « Nimube abanyampuhwe, nk'uko So ari Umunyampuhwe » (Lk 6, 36). Nayo ni gahunda y'ubuzima ya ngombwa, nko

[10] Lett. Enc. **Dives in misericordia**, n. 15.
[11] Ibid., n. 13.

kubaho mu byishimo bisendereye n'amahoro asesuye. Itegeko rya Yezu rigezwa ku bamuteze amatwi (reba Lk 6, 27). Kugira ngo dushobore kugira impuhwe, tugomba mbere na mbere gutega amatwi Ijambo ry'Imana. Ibyo bivuga ko tugomba kumenya akamaro ko guceceka kugira ngo tuzirikane Ijambo ry'Imana twagejejweho. Ni muri ubwo buryo dushobora kurangamira impuhwe z'Imana, no kuba ari zo zituranga mu buzima yacu.

14. *Urugendo nyobokama* ni ikimenyetse cyihariye cy'Umwaka Mutagatifu : ni ishusho y'urugendo buri muntu akora mu buzima bwe bwose. Ubuzima ni urugendo nyobokamana, naho umuntu akaba *umugenzi* ; umugenzi ukomeza urugendo rwe kugeza ubwo ageze ku ntego yifuzaga. Kugira ngo twinjire mu Irembo Ritagatifu i Roma, ndetse n'ahandi hose, muri wese azagomba gukora urugendo nyobokamana akurikije imbaraga ze. Bizaba ari ikimenyetso cy'uko impuhwe ari intego igomba kugerwaho, isaba umurava n'ubwitange. Urugendo nyobokamana nirudufashe kwisubiraho : mu kwinjira mu Irembo Ritagatifu twemere gucengerwa n'impuhwe z'Imana, kandi twiyemeze kugirira impuhwe abandi nk'uko natwe Data yazitugiriye.

Nyagasani Yezu atwereka intera z'urugendo nyobokamana kugira ngo dushobore kugera kuri iyo ntego : « Ntimugashinje abandi, namwe mutazashinjwa ; ntimugacire abandi imanza, namwe mutazazicirwa ; nimubabarire abandi, namwe muzababarirwe. Mujye mutanga, namwe muzahabwa : icyibo gishimishije, gitsindagiye, gicugushije, gisheshekaje, ni cyo bazabuzuriza, kuko igipimisho muzageresha, ari cyo muzasubirizwamo » (Lk 6, 37-38). Twabwiwe mbere na mbere ngo ntitugashinje abandi kandi tutugacire abandi imanza. Niba tudashaka kuzajya mu rubanza rw'Imana, nta muntu ugomba gucira urubanza mugenzi we. Koko rero mu guca urubanza, abantu bagarukira ku bigaragara, naho Data akareba imitima. Ni ikihe kibi amagambo atakora, mu gihe ayobowe n'ibitekerezo biturutse ku ishyari cyangwa irari ! Kuvuga nabi umuvandimwe adahari, ni ukumutega iminsi mibi, ni ugupfobya icyubahiro cye no kumusebya. Kudashinja abandi no kutabacira imanza, bivuga mu by'ukuri kumenya kwakira ikiri cyiza muri buri muntu, no kumurinda kubabazwa n'uburyo duca imanza tureba uruhande rumwe gusa, cyangwa twibwira ko tuzi byose. Ariko nanone ibyo ntibihagije kugira ngo dusobanure impuhwe icyo ari cyo. Yezu anadusaba kubabarira no gutanga, kuba ibikoresho by'imbabazi kuko twabihawe n'Imana, kuba abagwaneza tugirira abantu bose, tuzirikana ko Imana idusakazaho ubuntu bwayo ibigiranye ubugwaneza.

Tube abanyampuhwe nka Data, ni yo rero "intego" y'Umwaka Mutagatifu. Mu mpuhwe ni ho tubonera icyemezo cy'uko Imana ikunda. Imana yitanga byuzuye

kandi iteka, ikitanga ku buntu, idategereje inyiturano. Iradutabara iyo tuyitakambiye. Birakwiye ko isengesho rya buri munsi rya Kiliziya ribimburirwa n'aya magambo ngo : « Mana yanjye, ngwino unyikirize, Uhoraho, banguka undengere » (Zab 70 [69], 2). Inkunga dusaba ni intambwe ya mbere y'impuhwe Imana itugirira ; Yo iza kudukiza imibereho turimo irangwa n'intege nke. Inkunga yayo ni ukutwigaragariza no kuba hafi yacu. Nuko rero, tumaze gucengerwa buri munsi n'urukundo rwayo, dushobora natwe guhinduka abanyampuhwe tugirira bagenzi bacu.

15. Muri uyu Mwaka Mutagatifu, dushobora gukora igikorwa cyo gukingurira umutima abantu batuye mu duce dutandukanye kure y'imigi, usanga akenshi twarashyizweho mu buryo buteye agahinda n'abantu bo muri ibi bihe turimo. Muri iyi si ya none, hari abantu bangana iki babaho mu mutekano muke no mu bubabare ? Ni ibihe bikomere byaba byarasigaye bitagaragaye mu mubiri w'abantu batakibasha kumvikanisha ijwi ryabo, kubera ko induru yabo yaheze mu cyeragati, maze bagaceceka kubera ko ibihugu bikize bitabitayeho ? Muri iki gihe cya Yubile, Kiliziya ihamagariwe kurushaho kuvura ibyo bikomere, koroshya ububabare ku bw'amavuta ahumuriza, kubipfuka n'impuhwe no kubikiza ku bw'ubufatanye n'ukubitaho. Ntitwemere gutwarwa n'umuco mubi w'urukozasoni wo kuba ba ''Ntibindeba'', akamenyero gasinziriza umutima kandi kakabuza kumenya ibishya, ndetse n'ibitekerezo bisenya. Dufungure amaso kugira ngo tubone imibabaro iri muri iyi si, ibikomere bya benshi mu bavandimwe bacu bavukijwe agaciro ka muntu, maze twumve ko duhamagarirwa kumva ugutakamba kwabo badusaba kubafasha. Nitubahereze ibiganza byacu maze tubiyegereze kugira ngo bumve ubushyuhe, ubucuti n'ubuvandimwe bakesha kuba tubari hafi. Induru yabo nituyigire iyacu, maze twese hamwe tubashe gusenya urukuta ruterwa n'umuco mubi wo kuba ba ''Ntibindeba'', usanga akenshi warahawe intebe kugira ngo uhishire uburyarya n'ubwikanyize bwacu.

Mfite icyifuzo gikomeye cy'uko muri iyi Yubile, abakristu batekereza ku *bikorwa by'impuhwe byita ku mubiri n'ibikorwa by'impuhwe mbonezamutima*. Ibyo bizaba ari uburyo bwo gukangura umutimanama wacu ukunze gusinzira imbere y'ibyago biterwa n'ubukene, no gucengera iteka kurushaho mu mutima w'Ivanjili, aho abakene ari bo bagomba kugezwaho impuhwe z'Imana ku buryo bwihariye. Inyigisho ya Yezu itugezaho urutonde rw'ibyo bikorwa by'impuhwe, kugira ngo tubashe kumenya niba tubikora cyangwa tutabikora kimwe n'abigishwa be. Reka turebe *ibikorwa by'impuhwe byita ku mubiri* : gufungurira abashonji, guha icyo kunywa abafite inyota, kwambika abambaye ubusa, gucumbikira abagenzi, gusura abarwayi, gusura imfungwa, guhamba

abapfuye. Ntitwibagirwe kandi *n'ibikorwa by'impuhwe mbonezamutima* : kugira inama abashidikanya, kwigisha abatajijukiwe, kuburira abanyabyaha, guhoza abababaye, kubabarira abaducumuyeho, kwihanganira abantu batubangamiye, gusenga turagiza Imana abazima n'abapfuye.

Ntidushobora guhunga amagambo ya Nyagasani, ni yo azashingirwaho mu kuducira urubanza : Ese twaba twarafunguriye umushonji kandi duha icyo kunywa ufite inyota ? Twaba se twarakiriye umugenzi kandi twambika uwambaye ubusa ? Ese hari ubwo twabonye igihe cyo gusura umurwayi, tujya no kureba imfungwa ? (reba Mt 25, 31-45). Ikindi kandi, tuzabazwa niba twarafashije abandi kuva mu gushidikanya kubyara ubwoba ndetse akenshi bitera n'ubwigunge ; niba twarashoboye kurwanya ubujiji bwugarije abantu benshi, cyane cyane abana batabona imfashanyo bakeneye ibafasha kuva mu bukene ; niba twaregereye umuntu uri mu bwigunge kandi ubabaye ; niba twarababariye uwaducumuyeho ; niba twaramaganye icyitwa inzika n'urwango cyose gikurura urugomo ; niba twarihanganiye isura y'Imana na yo itwihanganira ; niba mu isengesho ryacu twararagije Nyagasani abavandimwe bacu. Yezu Kristu yigaragariza muri abo « baciye bugufi ». Umubiri we wongera kugaragara nk'umubiri washinyaguriwe, wakomeretse, wakubiswe, washonje, wahindanye … kugira ngo tuwumenye, tuwukorakore kandi tuwiteho. Ntitukibagirwe aya amagambo ya Mutagatifu Yohani w'Umusaraba, wagize ati « Mu marembera y'ubuzima bwacu, tuzacirwa urubanza rushingiye ku rukundo.»[12]

16. Mu Ivanjili ya Luka, tubonamo indi ngingo y'ingenzi idufasha kubaho muri iyi Yubile turangwa n'ukwemera. Umwanditsi w'Ivanjili adutekerereza ko igihe kimwe, ku munsi w'isabato, Yezu yagiye i Nazareti maze nk'uko yabimenyereye yinjira mu isengero. Nuko bamusaba gusoma isomo ry'Ibyanditswe Bitagatifu no kurisobanura. Iryo somo ryari iryo mu gitabo cy'Umuhanuzi Izayi, ahanditse ngo : «Umwuka w'Uhoraho urantwikiriye, kuko Uhoraho yantoye akansiga amavuta ; yanyohereje gushyira abakene inkuru nziza, komora abafite umutima wamenaguritse, gutangariza imbohe ko zibohowe, n'abapfukiranwaga ko bafunguwe, kwamamaza umwaka w'impuhwe z'Uhoraho » (Iz 61, 1-2). « Umwaka w'impuhwe » : ni wo Nyagasani adutangariza kandi dushaka guhimbaza. Uyu Mwaka Mutagatifu nugaragaze ubukungahare bw'ubutumwa bwa Yezu bwumvikana mu magambo y'Umuhanuzi : kuvuga ijambo no gukora igikorwa cyo guhumuriza abakene, gutangaza ibohorwa ry'abacakara bafungiye mu magereza mashya y'ibi bihe turimo, gusubiza kubona abatari bagishobora kugira ikindi babona kubera kwireba ubwabo bonyine, gusubiza ubwigenge

[12] Avis et Sentences spirituelles, § 56.

abari barabuvukijwe. Inyigisho ya Yezu nigaragare bundi bushya mu bisubizo by'ukwemera, abakristu basabwa gutanga ku bw'ubuhamya bwabo. Aya magambo ya Pawulo Intumwa naduherekeze, aho agira ati « Utabara abatishoboye, nabafashe anezerewe » (Rom 12, 8).

17. Igisibo cy'uyu Mwaka wa Yubile nikibabere nk'igihe gikomeye cyo guhimbaza no kumenya impuhwe z'Imana. Hari amasomo menshi y'Ibyanditswe Bitagatifu ashobora kuzirikanwa mu byumweru by'Igisibo, kugira ngo tubone uruhanga rurangwa n'impuhwe rwa Data. Dushobora natwe gusubiramo hamwe n'umuhanuzi Mika ngo : « Uhoraho, uri Imana yirengagiza ubugome, ikababarira icyaha. Tugaragarize bundi bushya impuhwe zawe, unyukanyuke ibicumuro byacu, kandi ibyaha byacu byose ubirohe mu nyanja! » (reba 7, 18-19).

Aya magambo y'Umuhanuzi Izayi azashobora kuzirikanwa byuzuye muri iki gihe cy'isengesho, cyo kwigomwa kurya no gukora ibikorwa by'urukundo : « Igisibo kinshimisha ni iki ngiki: kudohora ingoyi z'akarengane, guhambura iminyururu y'uburetwa, kurekura abashikamirwaga, mbese muri make, gukuraho ibyashikamiraga muntu byose. Ikindi kandi ni ugusangira umugati wawe n'umushonji, ugacumbikira abakene batagira aho bikinga, wabona uwambaye ubusa ukamwambika, ntiwirengagize umuvandimwe wawe ! Bityo urumuri rwawe ruzarase nk'umuseke weya, n'igikomere cyawe kizasubirane bwangu. Ubutabera buzakugenda imbere, n'ikuzo ry'Uhoraho rigumane nawe. Bityo, uzatakambe maze Uhoraho agusubize, nuhamagara, avuge ati ''Ndi hano.'' Niba iwawe uhaciye akarengane n'amagambo mabi, ugaharira umushonji igaburo ryawe bwite kandi ugahembura uwazahaye, urumuri rwawe ruzarasira mu mwijima, ijoro ry'urwijiji rihinduke amanywa y'ihangu. Uhoraho azakuyobora ubudahwema, azaguhaze mu gihe cy'amapfa, amagufa yawe ayakomeze. Uzamera nk'ubusitani buvomererwa, cyangwa se nk'isoko idudubiza kandi ikagira amazi adakama » (Iz 58, 6-11).

Igikorwa cyiswe « *amasaha 24 imbere ya Nyagasani* » cyo ku wa gatanu n'uwa gatandatu ibanziriza icyumweru cya 4 cy'Igisibo, kigomba kongererwa imbaraga muri za Diyosezi. Abantu benshi baba bongeye kwegera isakramentu ry'Imbabazi kandi benshi muri bo ari urubyiruko, bityo babona inzira yo kugarukira Nyagasani, bakagira igihe cy'isengesho rifite imbaraga zidasanzwe kandi bakamenya agaciro k'ubuzima bwabo. Reka noneho duhe umwanya w'ingenzi isakramaentu ry'Imbabazi tubigiranye ukwizera, kuko riduha gukorakora n'ibiganza byacu ubuhangange bw'impuhwe. Buri muntu wihannye ibyaha rizamubera isoko y'amahoro y'umutima.

Sinzahwema na rimwe kuvuga nkomeje ko abagabuzi b'imbabazi z'Imana, bagomba kuba ikimenyetso nyakuri cy'impuhwe z'Imana Data. Nta wushobobora kwiha kuba umugabuzi w'Imbabazi z'Imana. Umuntu agirwa umugabuzi abanje kwihana ibyaha bye kugira ngo aronke imbabazi. Ntitukibagirwe na rimwe ko kuba umugabuzi w'Imbabazi z'Imana ari ukugira uruhare ku butumwa bwa Yezu, bwo kuba ikimenyetso cyuzuye cyo gukomera ku rukundo rw'Imana rubabarira kandi rukiza. Buri wese muri twe yahawe ingabire ya Roho Mutagatifu yo kubabarira ibyaha, ni inshingano yacu twese. Nta n'umwe muri twe ugenga isakramentu, ahubwo turi abagabuzi b'indahemuka b'imbabazi z'Imana. Buri mugabuzi w'Imbabazi z'Imana agomba kwakira abakristu nk'umubyeyi uvugwa mu mugani w'umwana w'ikirara : umubyeyi wiruka ajya gusanganira umwana n'ubwo yatagatuje ibye byose. Abagabuzi b'Imbabazi z'Imana bahamagarirwa guhobera uwo mwana wihannye ibyaha akaba agarutse mu rugo, kandi bakamugaragariza ibyishimo by'uko bongeye kumubona. Ntibazareka kandi gusanga undi mwana wasigaye hanze kandi utishimye, kugira ngo bamwumvishe ko imigenzereze ye atari myiza kandi idahuje n'ukuri, kandi ntigire agaciro imbere y'impuhwe z'Imana Data zitagira umupaka. Ntibazabaza ibibazo bisesereza, ahubwo kimwe na wa mubyeyi uvugwa mu mugani, bazaburizamo ikiganiro cyateguwe n'umwana w'ikirara, kuko mu mutima w'uwihana ibyaha hazaba higanjemo icyifuzo cyo gusaba ubufasha no guhabwa imbabazi. Mu magambo make, abagabuzi b'Imbabazi z'Imana bahamagarirwa iteka, ahantu hose no mu bihe byose, kuba ikimenyetso cy'ibanze cy'impuhwe.

18. Mu Gisibo cyo muri uyu Mwaka Mutagatifu, nagize igitekerezo cyo kohereza *Abogezabutumwa b'impuhwe*. Bazaba ikimenyetso cy'igishyika cya kibyeyi Kiliziya ifitiye Umuryango w'Imana, kugira ngo winjire byuzuye mu bukungu bw'iryo yobera rikomeye ry'ukwemera. Bazaba ari abapadiri nzaba nahaye ububasha bwo gukiza ibyaha byari bigenewe gukizwa gusa na Papa kugira ngo ngaragaze ku buryo budashidikanywa ububasha bw'ubutumwa bwabo. Bazaba cyane cyane ikimenyetso kizima cy'uko Imana Data yakira abashakashaka imbabazi zayo. Bazaba abogezabutumwa b'impuhwe kuko bazaba kuri bose ibikoresho by'umushyikirano ukungahaye mu bantu, isoko y'ibohorwa, bakagira n'inshingano ikomeye kugira ngo babashe kurenga inzitizi zibabuza kugera ku buzima buvuguruye bakesha Batisimu. Mu butumwa bwabo, bazemera kuyoborwa n'iri jambo rya Pawulo intumwa, aho agira ati « Imana yakoranyirije abantu bose mu bwigomeke, kugira ngo bose hamwe ibagirire imbabazi» (Rom 11, 32). Koko rero, abantu bose nta n'umwe uhejwe, bahamagariwe kwakira umuhamagaro wo kwamamaza impuhwe.

Abogezabutumwa nibitabire uwo muhamagaro barebera kuri Yezu, «Umuherezagitambo Mukuru w'umunyampuhwe kandi wishyikira ku Mana » (Heb 2, 17).

Ndasaba abavandimwe banjye b'Abepiskopi gutumira no kwakira abo Bogezabutumwa, kugira ngo babe mbere na mbere abigisha nyabo b'impuhwe. Muri za Diyosezi nihashyirweho « imirimo ya gitumwa ikorerwa rubanda », ku buryo abo Bogezabutumwa baba koko intumwa z'ibyishimo bikeshwa imbabazi. Nibahimbaze isakramentu ry'Imbabazi zigirirwa umuryango, kugira ngo igihe cy'ingabire z'Umwaka wa Yubile gifashe abana benshi batannye kugaruka mu nzira igana urugo rwa Data. Abashumba, cyane cyane muri iki gihe gikomeye cy'Igisibo, nibashishikarizwe guhamagara abakristu kwegera « Intebe y'ineza, kugira ngo tugirirwe impuhwe kandi duhabwe imbaraga zidufasha igihe kigeze » (Heb 4, 16).

19. Ijambo ry'imbabazi nirigere ku bantu bose, kandi ntihagire n'umwe utagerwaho n'ubutumire bwo koronka impuhwe. Icyifuzo cyanjye cyo kwisubiraho kandi nkomeyeho, kigenewe abantu bitandukanyije n'ineza y'Imana kubera imyitwarire yabo mibi. Ndatekereza by'umwihariko abagabo n'abagore bari mu dutsiko tw'abagiranabi, uko baba bari kose. Kubera ineza yanyu, ndabasaba guhindura iyo myitwarire. Ndabasaba, mu izina ry'Umwana w'Imana, We mu kurwanya icyaha utigeze atererana umunyabyaha n'umwe. Nimureke kugwa mu mutego uteye ubwoba ugamije kubemeza ko ubuzima bushingiye ku ifaranga gusa, ko ibisigaye nta cyo bimaze, nta gaciro bifite ; ko ari ukuyoba. Amafaranga yacu ntituzayajyana mu ijuru ; amafaranga ntatanga ihirwe nyakuri. Urugomo rumena amaraso rugambiriye kugwiza amafaranga, ntirugira umuntu igihangange cyangwa ngo rutange ukudapfa. Amaherezo urubanza rw'Imana ruzaza kandi nta n'umwe uzaruhonoka.

Icyifuzo nk'icyo kigenewe kandi abantu bamunzwe n'icyaha cyo kurya ruswa cyangwa abayiha urwaho. Icyo gisebe kinuka cyashegeshe umuryango w'abantu ni icyaha gikomeye gitabaza Imana, kuko kimunga kugeza ku ishingiro ry'ubuzima bw'umuntu ku giti cye n'ubw'abantu bose muri rusange. Kurya ruswa ubwabyo bibuza abantu kurebana amizero ejo hazaza, kubera ko ubukana bwabyo n'irari ridashira biburizamo imishinga y'abanyantege nke kandi bigaheza abakene. Ni ikibi gihera mu bikorwa bya buri munsi kugeza ubwo gihinduka urukozasoni mu bantu. Ruswa ni irari rijyana mu cyaha kigamije gusimbuza Imana ifaranga nk'aho ari ryo rifite ububasha. Ruswa ni igikorwa cy'umwijima gishingiye ku kutagira ukwizera no ku butiriganya. Mutagatifu Gerigori Mukuru yaravuze, kandi ni koko, ati « *Corruptio optimi*

pessima » (Ruswa nubwo yigaragaza nk'aho ikemura ibibazo nyamara ni mbi), kugira ngo yerekane ko nta muntu utagwa muri icyo gishuko. Nuko rero, kugira ngo tugitsinde tugomba kurangwa n'ubwitonzi, ubushishozi, umurava, gukorera mu mucyo, byose bikajyana n'ubutwari bwo kwamagana ikibi. Niba icyo kibi tutakirwanyijwe ku mugaragaro, amaherezo tuzagiha icyuho kandi kidusenyere ubuzima.

Dore igihe gikwiye cyo guhindura imyitwarire. Ngiki igihe cyo kwemera guhinduka. Imbere y'ikibi cyakozwe, ndetse yewe n'ibyaha bikomeye, ngiki igihe cyo kumva amarira y'abantu b'inzirakarengane bambuwe ibyabo, agaciro kabo, urukundo rwabo ndetse n'ubuzima bwabo. Kuguma mu cyaha ni isoko y'ubuyobe n'agahinda. Ubugingo nyakuri bwo ni ikindi kintu. Imana ntihwema gutega amaboko ; ihora yiteguye gutega amatwi, nanjye kandi ni uko bimeze kimwe n'abavandimwe banjye b'abepiskopi n'ababapadiri. Birahagije kwakira umuhamagaro wo kwisubiraho no kwitangira ubutabera, naho Kiliziya igatanga imbabazi.

20. Muri urwo rwego, birakwiye kwibutsa isano iri hagati y'ubutabera n'impuhwe. Ntabwo ari ibintu bibiri bivuguruzanya, ahubwo ni ibikorwa bibiri bituruka ku gikorwa kimwe rukumbi, kijya mbere buhoro buhoro kugeza ubwo kigera ku iherezo ryacyo mu busendere bw'urukundo. Ubutabera ni ingenzi ku batuye igihugu muri rusange, igihe umurongo ngenderwaho ari itegeko ry'ubutabera ubwaryo ryuzurizwamo amategeko. Ubutabera bushaka ko buri muntu abona ibyo afitiye uburenganzira. Ibyo bigaragara kenshi muri Bibiliya ku bijyanye n'ubutungane bw'Imana cyangwa ubucamanza bw'Imana. Aha ni ho tumenyera uburyo bwo kubahiriza byuzuye amategeko, n'imyitwarire y'Umuyisraheli mwiza bikurikije amategeko y'Imana. Nyamara icyo gitekerezo cyakunze guheranwa n'imyifatire ya bamwe bibwira ko bashaka gukurikiza bidasubirwaho amategeko y'Imana, bityo bahindura ukundi igisobanuro remezo cy'ubutabera kandi bapfukirana agaciro gakomeye kabwo. Kugira ngo turenge bene iyo myitwarire, ni ngombwa kwibuka ko mu Byanditswe Bitagatifu, ubutungane bufatwa mbere na mbere nk'ukwiyegurira ugushaka kw'Imana mu bwizere.

Ku ruhande rwe, Yezu akunze kuvuga ku kamaro k'ukwemera kurusha ku kubahiriza amategeko. Ni muri ubwo buryo tugomba kumva amagambo ye, igihe yari ku meza hamwe na Matayo n'abandi basoresha n'abanyabyaha, akabwira Abafarizayi bamuneguraga ati « Nimugende musiganuze icyo iri jambo rivuga ngo ''Icyo nshaka ni impuhwe, si igitambo''. Erega sinazanywe no guhamagara intungane, ahubwo abanyabyaha » (Mt 9, 13). Muri iyo myumvire

ifata ubutungane nk'uburyo bworoshye bwo kubahiriza amategeko atandukanya intungane n'abanyabyaha, Yezu yerekana ingabire ikomeye y'impuhwe zijya gushakashaka abanyabyaha kugira ngo zibahe imbabazi n'umukiro. Umuntu rero yakumva impamvu Abafarizayi n'abigishamategeko banze Yezu, ni ukubera umugambi we wo gucungura abantu n'isoko y'ivugururwa. Kugira ngo babe indahemuka ku mategeko, bashyiraga imitwaro ku ntugu z'abantu, bagahinyura impuhwe z'Imana Data. Ukubahiriza amategeko ntibishobora kubera inkomyi uburenganzira bwo kubahiriza agaciro ka muntu.

Amagambo y'Umuhanuzi Hozeya, Yezu yibutsa aha ngaha ngo – « Nshimishwa n'urukundo kuruta ibitambo » (6, 6) – arasobanutse neza. Yezu arahamya ko kuva ubu itegeko rigenga ubuzima bw'abigishwa be rigomba kurangwamo icy'ibanze cy'impuhwe, nk'uko We ubwe yabitangiye ubuhamya asangira n'abanyabyaha. Impuhwe zigaragaza bundi bushya nk'impamvu shingiro y'ubutumwa bwa Yezu. Ibyo kandi bizaba intandaro nyakuri y'ikibazo ku bumwumvaga, batsimbaraye ku kubahiriza amategeko uko yakabaye. Nyamara Yezu arenga amategeko ; kuko gusangira n'abo amategeko afata nk'abanyabyaha, bishaka kumvikanisha ububasha bw'impuhwe ze.

Intumwa Pawulo yanyuze mu nzira nk'iyo ngiyo. Mbere yo kumenya Kristu ku nzira ijya i Damasi, yitangiye wese ku buryo budahinyuka gukurikiza ubutungane bukeshwa amategeko (Fil 3, 6). Ukugarukira Kristu kwe kwatumye ahindura byuzuye imyumvire, ku buryo anabihamya mu Ibaruwa yandikiye Abanyagalati ati « Natwe rero twemeye Yezu Kristu ngo tuzagirwe intungane no kwemera Kristu, tutabitewe no kuzuza amategeko » (2, 16). Imyumvire ye ku byerekeye ubutungane irahinduka byuzuye. Kuva ubwo Pawulo icyo yashyize imbere ni ukwemera, si amategeko. Gukurikiza amategeko si byo bikiza, ahubwo ni ukwemera muri Yezu Kristu waduhaye impuhwe zitanga ubutungane, ku bw'urupfu rwe n'izuka rye. Ubutungane bw'Imana kuva ubu buza kubohora abari ku ngoyi y'ubucakara bw'icyaha n'ingaruka zacyo zose. Ubutungane bw'Imana ni imbabazi zayo (reba Zab 51 [50], 11-16).

21. Impuhwe ntizihabanye n'ubutungane, ahubwo zigaragaza imyifatire y'Imana ku munyabyaha, imuha uburyo bushya bwo kwihana, kwisubiraho no kwemera. Ibyo umuhanuzi Hozeya yahuye na byo bidufasha kubona ukuntu impuhwe zisumba ubutungane. Igihe cy'uwo muhanuzi ni kimwe mu bihe bikomeye by'amateka y'umuryango w'Ababebureyi. Igihugu cyabo cyari bugufi kurimbuka ; abaturage ntibabaye indahemuka ku Isezerano, bitandukanyije n'Imana kandi bateshuka ku kwemera kw'abakurambere babo. Nk'uko rero

bigenda mu mategeko y'abantu, ni ngombwa ko Imana itekereza kureka uwo muryango wahemutse : ntibubahirije amasezerano, bityo rero bakwiye guhabwa igihano cyateganyijwe, cyo kujyanwa bunyago. Amagambo y'umuhanuzi arabihamya : « Israheli ntizasubira mu gihugu cya Misiri, ahubwo izategekwa n'umwami wa Ashuru, kuko yanze kungarukira » (Hoz 11, 5). Nyamara nyuma y'icyo gikorwa gisaba kwiyambaza ubutungane, umuhanuzi ahindura byuzuye imvugo ye maze akagaragaza isura nyakuri y'Imana : « Mu mutima wanjye nisubiyeho, impuhwe zanjye zirangurumanamo. Sinzakurikiza ubukana bw'uburakari bwanjye, kandi sinzarimbura ukundi Efurayimu (Israheli), kuko ndi Imana simbe umuntu, nkaba Nyirubutagatifu rwagati muri mwe, sinzongera kugusanga mfite uburakari » (11, 8-9). Mu gusobanura ayo magambo y'umuhanuzi, Mutagatifu Agusitini yaranditse ati « Byoroheye cyane Imana kuhagarika uburakari bwayo aho kureka impuhwe zayo. ».[13] Ni uko nguko bimeze rero ; uburakari bw'Imana ni ubw'igihe gito, naho impuhwe zayo zihoraho iteka.

Niba Imana ikomeye ku butungane, izareka kuba Imana ; izamera nk'abantu bose bagomba kubahiriza amategeko. Ubutungane bwonyine ntibuhagije, kandi ubunararibonye bwerekana ko kuba ari bwo bwonyine bwiyambazwa, byabuviramo kubutesha agaciro. Ni yo mpamvu Imana irenga ubutungane yishingikirije impuhwe n'imbabazi. Ibyo kandi ntibishaka kuvuga ko Imana igamije gutesha agaciro ubutungane cyangwa ko ari nta cyo bumaze. Uwibeshya atyo agomba kwikuraho uwo mutwaro we, ariko na none ibyo si ryo jambo rya nyuma, ahubwo ni intangiriro yo kwisubiraho, mu kumenya urukundo rukeshwa imbabazi. Imana ntiyanga ubutungane ; ahubwo irabucengera kandi ikaburenga mu gikora gihebuje ari cyo tumenyeramo urukundo, ishingiro ry'ubutungane nyakuri. Tugomba kwita cyane kuri aya magambo ya Pawulo, kugira ngo tutagwa mu ikosa nk'iryo Intumwa ishinja Abayahudi bo mu gihe cye : « Bayobewe ubutungane buturuka ku Mana, bashaka gushyiraho ubwabo bwite, ntibayoboka ubutungane bw'Imana. Kuko amategeko agarukira kuri Kristu, kugira ngo uwemera wese ahabwe kuba intungane » (Rom 10, 3-4). Ubwo butungane bw'Imana ni impuhwe zagiriwe abantu bose, mbese nk'ingabire ikeshwa urupfu n'izuka bya Yezu Kristu. Nuko rero, Umusaraba wa Kristu ni urubanza rw'Imana kuri buri wese muri twe no ku isi, kuko uduhishurira ukuri ku bijyanye n'urukundo n'ubuzima bushya.

22. Yubile izanye igitekerezo cyerekeye *imbabazi*. Imbabazi zifite agaciro kihariye muri uyu Mwaka Mutagatifu. Imbabazi z'Imana kubera ibyaha byacu ntizigira umupaka. Mu rupfu n'izuka bya Yezu Kristu, Imana igaragaza urwo

[13] Enarr. in Ps. 76, 11.

rukundo rugeza aho gukiza ibyaha by'abantu. Birashoboka kureka tukiyunga n'Imana binyuze mu iyobera rya Pasika n'ubuvugizi bwa Kiliziya. Imana ihora yiteguye gutanga imbabazi kandi ntihwema kuzitanga, mu buryo buhora ari bushya butari bwitezwe. Twese turi abanyabyaha ; tuzi ko duhamagarirwa kuba intungane (reba Mt 5, 48), ariko tugatsikamirwa bikomeye n'uburemere bw'icyaha. Iyo tumenye ububasha bw'ingabire iduhindura, tumenya n'imbaraga z'icyaha cyatwigaruriye. N'ubwo twagiriwe imbabazi, ubuzima bwacu burangwa n'ugushidikanya ari byo ngaruka z'ibyaha byacu. Mu Isakramentu *ry'mbabazi*, Imana ibabarira ibyaha kandi bigahanagurwa rwose, n'ubwo haba hakiriho ibisigisigi by'ibyaha mu myitwarire yacu no mu bitekerezo byacu. Nyamara impuhwe z'Imana zirusha imbaraga ibyo byose. Zihinduka *imbabazi* za Data usanga umunyabyaha wababariwe anyuze mu Mugeni wa Kristu, kandi ikamukiza ibisigisigi by'ingaruka z'icyaha, ikamuha gukora abigiranye urukundo, gukura mu rukundo aho kongera kugwa mu cyaha.

Kiliziya ibaho mu bumwe n'abatagatifujwe. Mu Ukaristiya, ubwo bumwe ari bwo ngabire y'Imana, bwagaragajwe nk'ubumwe bw'umutima buhuza abemera n'Abatagatifujwe ndetse n'Abahire batabarika (reba Ibyah 7, 4). Ubutungane bwabo budutabara mu ntege nke zacu, kandi Umubyeyi Kiliziya, ku bw'isengesho ryayo n'ubuzima bwayo, ishobora guhuza intege nke za bamwe n'ubutungane bw'abandi. Kurangwa n'imbabazi zikeshwa Umwaka Mutagatifu, ni ukwegera impuhwe z'Imana Data, ufite icyizere cy'uko imbabazi zayo zigera mu buzima bwose bw'abemera. Imbabazi, ni igikorwa gikeshwa ubutungane bwa Kiliziya, iha abantu bose kugira uruhare ku byiza by'ubucunguzi bwa Kristu, ikora ku buryo imbabazi zigera ahantu hose urukundo rw'Imana ruhura n'ingorane. Turangwe n'ibyishimo byinshi muri iyi Yubile, dusaba Imana Data imbabazi z'ibyaha n'ugusakazwa hose kw'impuhwe ze.

23. Agaciro k'impuhwe karenga imbibi za Kiliziya. Ni injishi ihuza idini y'Abayahudi n'iya Islamu, amadini afata impuhwe nka rimwe mu mazina bwite y'Imana. Israheli yabonye mbere na mbere iryo hishurirwa rigaragara mu mateka yayo, nk'intangiriro y'ubukungu butagereranywa bugenewe abantu bose. Nk'uko twigeze kubibona, Isezerano rya kera rivuga cyane ibyekerekeye impuhwe, kuko ridutekerereza ibikorwa by'Uhoraho agirira umuryango we mu bihe bikomeye by'amateka yawo. Islamu na yo ku ruhande rwayo, iha Umuremyi amazina ya Nyirimpuhwe na Nyirimbabazi. Usanga kenshi Abayislamu batakamba bifashishije ayo mazina, bumva ka baherekejwe kandi bashyigikiwe n'impuhwe mu ntege nke zabo za buri bunsi. Na bo bemera ko

ntawe ushobora guhagarika impuhwe z'Imana kuko amarembo yazo ahora akinguye.

Ndifuza ko uyu Mwaka wa Yubile, tuzaba twaranzwemo n'impuhwe, wakomeza umushyikirano wacu n'ayo madini n'indi mico gakondo nyobokamana. Nudufashe kurushaho kwitabira ibiganiro kugira ngo turusheko kwimenya no kumva abo turi bo. Nuhashye icyitwa ubwigunge n'ihinyu cyose ; utsinde icyitwa ubugome n'ivangura cyose.

24. Ibitekerezo byacu nitubyerekeze Mubyeyi w'impuhwe. Indoro ye ituje niduherekeze muri uyu Mwaka Mutagatifu, kugira ngo abantu bose bashobore kubona ibyishimo by'impuhwe z'Imana. Nta muntu n'umwe wamenye nka Mariya agaciro gakomeye k'iyobera ry'Imana yigize umuntu. Ubuzima bwe bwose bwatunganyijwe n'ukwigaragaza kw'impuhwe zigize umuntu. Nyina w'Uwabambwe akazuka yinjiye mu ngoro y'impuhwe z'Imana, mu kugira uruhare rukomeye ku iyobera ry'urukundo rwe.

Kuba yaratowe ngo abe Umubyeyi w'Umwana w'Imana, Mariya yateguwe kuva kera kose n'urukundo rw'Imana kugira ngo abe *Ubushyinguro bw'Isezerano* hagati y'Imana n'abantu. Yashyinguye mu mutima we impuhwe z'Imana mu bumwe bwuzuye n'Umwana we Yezu. Indirimbo ye y'igisingizo, mu rugo rwa Elizabeti, yeguriwe impuhwe zasesekarijwe « abantu bo mu bihe byose » (Lk 1, 50). Natwe twavuzwe muri ayo magambo y'ubuhanuzi bwa Bikira Mariya, kandi azatubera imbaraga n'inkunga igihe tuzinjira mu Muryango Mutagatifu kugira ngo turye ku mbuto z'impuhwe z'Imana.

Iruhande rw'Umusaraba, Mariya wari kumwe na Yohani umwigishwa w'urukundo, ni umuhamya w'amagambo y'imbabazi yasohotse mu munwa wa Yezu. Imbabazi zihebuje zagiriwe abamubambye zitwereka aho impuhwe z'Imana zishobora kugararukira. Mariya ahamya ko impuhwe z'Umwana w'Imana zitagira umupaka, kandi zikagera kuri bose nta kuvangura. Nimucyo tumuture ya ndirimbo ya kera kandi ihora ari nshya ya Salve Regina (*Ndakuramutsa Mwamikazi*), kuko atigera areka kuturebana indoro yuje impuhwe, kandi akatugira abantu bakwiriye kwitegereza Ishusho y'impuhwe, Umwana we Yezu Kristu.

Isengesho ryacu nirigere no ku Batagatifu n'Abahire babaye intumwa z'impuhwe mu buzima bwabo. Icyo gitekerezo kiragezwa by'umwihariko ku ntumwa nkuru y'impuhwe ari we Mutagatifu Fawustina Kowalska. Ni we wahamagariwe kwinjira mu nyanja y'impuhwe z'Imana, nadusabire kandi

aturonkere kubaho no kugendera iteka mu mbabazi z'Imana no mu kwizera kutajegajega mu rukundo rwayo.

25. Umwaka Mutagatifu udasanzwe, ugamije kudufasha kubaho buri munsi turangwa n'impuhwe Data adusesekazaho kuva kera na kare. Mu ri iyi Yubile, nitwemere kuyoborwa n'Imana. Ntiyigera ihwema kudukingurira irembo ry'umutima wayo kugira ngo yongere itubwire ko idukunda, kandi ko ishaka gusangira ubuzima bwayo natwe. Kiliziya irazirikana bikomeye umurimo wihutirwa ifite wo kwamamaza impuhwe z'Imana. Ubuzima bwa Kiliziya bujyana n'ukuri kandi bukizerwa, igihe impuhwe ari zo shingiro ry'ubutumwa bwayo bugeza abantu ku kwemera. Izi neza ko ubutumwa bw'ibanze bwayo, cyane cyane muri iki gihe cyacu cyuzuye amizero akomeye n'ugushidikanya gukomeye, ari ubwo kwinjiza muri muntu mu iyobera rikomeye ry'impuhwe z'Imana, mu kurangamira uruhanga rwa Kristu. Kiliziya ihamagarirwa mbere na mbere kuba umuhamya nyakuri w'impuhwe, mu kwamamaza impuhwe no kurangwa na zo nk'iremezo ry'Ibyahishuwe bya Yezu Kristu. Mu mutima w'Ubutatu Butagatifu, mu iyobera rikomeye ry'Imana, havubukamo kandi hagatemba ubudahwema uruzi runini rw'impuhwe. Iyo soko ntizigera ikama ku bazayigana bose. Buri gihe uko bagize inyota bazayigana, kuko impuhwe z'Imana zidashira. Mbese uko iyobera ryihishemo ridashobora gucengerwa, ni ko n'ubukungu ryifitemo budashobora gukama.

Muri uyu Mwaka wa Yubile, Kiliziya niyamamaze Ijambo ry'Imana mu ijwi riranguruye, rifite imbaraga kandi rigeza ku kwemera, mbese nk'ijambo n'ikimenyetso cy'imbabazi, imbaraga, inkunga, urukundo. Kiliziya ntigahweme gutanga impuhwe kandi irangwe iteka n'ukwihangana, kugira ishishikaze kandi itange imbabazi. Kiliziya nibe ijwi ry'abantu bose, isubiremo ibigiranye ukwizera kandi itaretsa iti « Uhoraho, ibuka ineza n'urukundo wagaragaje kuva kera na kare. » (Zab 25 [24], 6).

Bikorewe i Roma, Ku Cyicaro cya Mutagatifu Petero, ku itariki ya 11 Mata ku munsi ubanziriza Icyumweru cya 2 cya Pasika ari nacyo cy'Impuhwe z'Imana, mu Mwaka wa 2015, umwaka wa gatatu ndi Papa.

Fransisko